REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO
ACADÉMIE DU PATRIMOINE CULTUREL DU RWANDA

# ITANGAZO RY'AMARUSHANWA KU NKORANABUHANGA YIGISHA IKINYARWANDA

# «TUMENYE IKINYARWANDA»

## AGENEWE ABANYESHURI BO MU MASHURI YISUMBUYE MU BIRUHUKO MU WA 2025

Inteko y'Umuco ifatanyije n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) bateguye amarushanwa ku nkoranabuhanga ***"Tumenye iKinyarwanda"*** agenewe abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye. Iyo nkoranabuhanga iboneka mu bubiko bwa terefoni (*Appstore* na *Playstore*) ndetse ikaba inakoreshwa muri mudasobwa. Ikubiyemo amasomo ari mu byiciro 6: ***Ibisakuzo, Indamukanyo, Inshoberamahanga, Amasano, Ntibavuga-Bavuga n'Ikeshamvugo.***

### 1. ABAREBWA N'AMARUSHANWA

Abanyeshuri bari mu biruhuko biga mu mashuri yisumbuye guhera mu mwaka wa mbere kugeza mu mwaka wa gatandatu. Umunyeshuri abarirwa aho atuye ni ukuvuga aho ari mu biruhuko hashobora kuba hatandukanye n'aho yiga.

### 2. URURIMI AZAKORWAMO

Amarushanwa azakorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda hakoreshejwe ibikubiye muri iyi nkoranabuhanga "*Tumenye Ikinyarwanda*".

### 3. UKO AMARUSHANWA AZAKORWA

Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye bari mu biruhuko bifuza kwitabira aya marushanwa baziyandikisha banyuze kuri imeri zombi zikurikira: amarushanwa@rwandaheritage.gov.rw na info@reb.rw akagaragaza ibi bikurikira:

1. Amazina ye yombi;
2. Intara n'Akarere aherereyemo mu biruhuko;
3. Ikigo, ishami yigamo (ku bari mu cyiciro cya kabiri) n'umwaka yigamo;
4. Kopi y'ikarita ye imuranga (ikarita y'ishuri)



Inteko y'Umuco/ Rwanda Cultural Heritage Academy
website: www.rwandaheritage .gov.rw
Email:info@rwandaheritage.gov.rw
P.O.Box 630-Butare

5. Imeri akoresha (ishobora no kuba ari ay'umubyeyi we cyangwa umurera);
6. Nomero ya terefone yabonekaho.

Amarushanwa azakorwa mu byiciro bibiri. Ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali. Abanyeshuri babiri babiri (uwa mbere n'uwa kabiri) ni bo bazazamuka ni ukuvuga ko ku rwego rw'Igihugu bazarushanwa ari icumi ari na cyo cyiciro cya nyuma.

**4. IBIHEMBO**

Abanyeshuri bane ba mbere ku rwego rw'Igihugu bazahembwa mudasobwa (abakobwa babiri n'abahungu babiri). Uko ari icumi (10) bageze ku rwego rw'Igihugu bazasura Ingoro Ndangamurage y'Amateka y'Imibereho y'Abanyarwanda ku buntu n'indi Ngoro ndangamurage yegereye buri wese aho ari mu biruhuko. Bazahabwa kandi n'ibitabo by'imfashanyigisho ku Kinyarwanda.

**5. IGIHE CYO KWIYANDIKISHA**

Itariki ntarengwa yo kwiyandikisha ni ku wa 23 Nyakanga 2025 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00). Abanyeshuri 8 (abahungu 4 n'abakobwa 4) muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali baziyandikisha bwa mbere kandi batanze ibisabwa byose ni bo bazatoranywa bakitabira aya marushanwa.

Uwakenera ibisobanuro birambuye yahamagara cyangwa akandikira umukozi w'Inteko y' Umuco kuri nomero ikurikira 0788437714 no kuri 0785441374 z'umukozi wa REB.

Ku wa 17 Nyakanga 2025

Digitally signed by RCHA(Director General)
Date: 2025.07.17 10:18:54 +02'00'

**Amb. Masozera Robert,**
**Intebe y'Inteko y'Umuco**